

RWANDA / JUDGMENT

Niyonsaba Emelyne

RPA 01246/2021/HC/KIG

COURT

Court of Appeal

DECIDED

11 April 2022

CASE / FILE NUMBER

RPA 01246/2021/HC/KIG

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

Niyonsaba Emelyne

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2022-04-11
- Case/document no.: RPA 01246/2021/HC/KIG
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA v. NIYONSABA [Rwanda URUKIKO RUKURU – RPA 01246/2021/HC/KIG (Ndahayo, P.J.) 11 Mata 2022] Amategeko agenda imanza nshinjabyaha – Gusambanya umwana – Nubwo igikorwa cyo gukora imibonano mpuzabitsina cyaba cyabayeho ntibihagije kugirango uregwa ahamwe n’icyaha cyo gusambanya umwana hashingiwe gusa ku kuba uregwa yari afite imyaka 18 y’amavuko, hagomba kugaragazwa ko habayeho gusambana, hakanagaragazwa uko byagenze kugirango bigaragare ko ufite imyaka 18 ariwe wagize ubushake bwo gusambanya umwana. Incamake y’ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge umukobwa w’imyaka 18 akurikiranywe ku cyaha cyo gusambanya umwana w’umuhungu w’imyaka 16. Ubushinjacyaha buvuga ko uregwa ngo yatanze ikirego avuga ko yahuye n’umusore baturanye bagenda baganira nyuma uwo musore aza kumusunikira mu nzu amusambanya ku ngufu, ngo bakaba barabanje kugundagurana amurusha ingufu aramusambanya. Ko ariko ubugenzacyaha ngo bwasanze uwo muhungu w’imyaka 16 ariwe wakoreshejwe imibonano mpuzabitsina kubera ko yari akiri umwana bigaragara ko uregwa yamushutse, amukoresha imibonano mpuzabitsina inshuro zigera kuri eshanu. Ubushinjacyaha mu kumukurikirana buvuga ko bwashingiye ku bimenyetso bigizwe no kuba uregwa mu ibazwa

rye yaremeye ko yasambanyije umwana n'ubwo yemera ko ari incuro imwe ariko ngo ni incuro eshanu, ubuhamya bushinja uregwa ndetse n'ibyemezo by'amavuko by'uregwa n'uwakorewe icyaha. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko uregwa ahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana rumuhanisha igihano cy'igifungo cy'imyaka makumyabiri (20 ans). Uregwa ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza arujuririra mu Rukiko Rukuru avuga ko mu kumuhamya icyaha hirengagijwe ko nta ruhare yagize muri icyo cyaha kuko ngo uwo ubushinjacyaha buvuga ko yakoreye icyaha ahubwo ngo ari we wamufashe ku ngufu. Ubushinjacyaha bwo buvuga ko uregwa atashoboye kuvuguruza ibimenyetso urukiko rwashingiyeho rumuhamya icyaha, buvuga ko I. V. amushinja ko ari Niyonsaba(uregwa) wamubwiye ngo basambane anamwigisha uko babikora kandi ko basambanye inshuro nyinshi, bugaragaza kandi ko ibyabaye byahamijwe n'abatangabuhamya banyuranye. Incamake y'icyemezo: Nubwo igikorwa cyo gukora imibonano mpuzabitsina cyaba cyabayeho ntibihagije kugirango uregwa ahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana hashingiwe gusa ku kuba uregwa yari afite imyaka 18 y'amavuko, hagomba kugaragazwa ko habayeho gusambana hakanagaragazwa uko byagenze kugirango bigaragare ko ufite imyaka 18 ariwe wagize ubushake bwo gusambanya umwana, bityo ntago hagaragazwa uburyo uregwa yasambanyije umuhungu bari mu kigero cy'imyaka kidatandukanye cyane kuko amurusha imyaka ibiri gusa mu gihe umukobwa(uregwa) ariwe wagiye kurega ko yafashwe ku ngufu ariko ntibikurikiranwe ngo harebwe niba ibyo yavugaga nta shingiro bifite ahubwo hagashingirwa gusa ku kuba ariwe mukuru kuri Ishimwe(umuhungu) kuko kuba amurusha imyaka ibiri gusa bidasobanuye ko uwo muhungu atashoboraga kumusambanya ku ngufu. Ubujurire bufite ishingiro.

Page 2

Amategeko yashingiweho: Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 111. Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, Ingingo ya ya 133. Nta manza zifashishijwe. Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Ubushinjacyaha bwareze mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge uwitwa Niyonsaba Emalyne icyaha cyo gusambanya umwana. Busobanura ko ku wa 20/04/2021 Niyonsaba Emelyne wari ufite imyaka cumi n'umunani (18) ngo yatanze ikirego avuga ko mu ma saa cyenda (15 H 00') yahuye n'umusore baturanye witwa Ishimwe Valens, bagenda baganira nyuma uwo musore aza kumusunikira mu nzu amusambanya ku ngufu, ngo bakaba barabanje kugundagurana amurusha ingufu aramusambanya. [2] Ubushinjacyaha bukomeza busobanura ko ku wa 28/04/2021 habajijwe uwo Niyonsaba Emelyne yari yagiye kurega avuga ko yamusambanyije ku ngufu, umuhungu witwa Ishimwe Valens ubugenzacyaha ngo busanga ariwe wakoreshejwe imibonano mpuzabitsina kubera ko yari akiri umwana kuko yari afite imyaka cumi n'itandatu (16), kandi bigaragara ko Niyonsaba Emelyne yamushutse, amukoresha imibonano mpuzabitsina inshuro zigera kuri eshanu. [3] Ubushinjacyaha mu kumukurikirana buvuga ko bwashingiye ku bimenyetso bigizwe no kuba Niyonsaba Emelyne mu ibazwa rye yaremeye ko yasambanyije umwana n'ubwo yemera ko ari incuro imwe ariko ngo ni incuro eshanu, ubuhamya bushinja uregwa ndetse n'ibyemezo by'amavuko bya Niyonsaba Emelyne na Ishimwe Valens. Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaciye urubanza rwemeza ko Niyonsaba ahamwa

n'icyaha cyo gusambanya umwana rumuhanisha igihano cy'igifungo cy'imyaka makumyabiri (20 ans). [4] Niyonsaba Emeline ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza arujuririra mu Rukiko Rukuru akaba avuga ko mu kumuhamya icyaha hirengagijwe ko nta ruhare yagize muri icyo cyaha kuko ngo uwo ubushinjacyaha buvuga ko yamukoreye icyaha witwa Ishimwe Valens ahubwo ngo ari we wamufashe ku ngufu. [5] Abunganira Niyonsaba basobanura ko ubushinjacyaha bwamukurikiranyeho icyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 16 y'amavuko witwa Ishimwe Valens mu gihe we (Niyonsaba) yari afite imyaka 18 y'amavuko akaba mu bugenzacyaha yarahakanye icyaha ahubwo akaba ngo yareretse Urukiko Rwisumbuye ko yagannye ubugenzacyaha aho yari agiye kurega uwitwa ISHIMWE Valens ko yamufashe ku ngufu ariko ngo akaba ariwe ufatwa nk'uwakoze icyo cyaha.

Page 3

[6] Ikigomba gusuzumwa muri uru rubanza ni ukumenya niba hari ibimenyetso bidashidikanywaho bigaragaza ko Niyonsaba Emelyne yakoze icyaha cyo gusambanya umwana kwakorewe Ishimwe Valens. ISESENGURA RY'IKIBAZO [7] Niyonsaba n'abamwunganira bavuga ko ngo yeretse Urukiko ko ubusanzwe akora akazi ko mu rugo, aho yakoraga bakaba bari bafite umwana wigaga akajya amushyira ibyo kurya kw'ishuri buri munsu saa sita. Aho bari batuye rero ngo bari baturanye n'iwabo wa Ishimwe Valens nabo bafite umwana wiga ku kigo kimwe n'icyo umwana w'abo yakoreraga yigaga. Umubyeyi wa Ishimwe ngo yaje gusaba ko Niyonsaba yajya anagemurira umwana we. [8] Niyonsaba Emelyine n'abamwunganira bavuga ko ubushinjacyaha bwagaragaje ko ibimenyetso bihamya Niyonsaba Emelyne icyaha cyo gusambanya umwana, ngo bigizwe no kuba mu ibazwa rya Niyonsaba Emelyne yaremeye ko yasambanye na Ishimwe Valens n'ubwo avuga ko ari incuro imwe ariko ngo Ishimwe Valens avuga ko ari incuro eshanu. Ubushinjacyaha kandi ngo bwanashingiye kubuhamya bwatanze n'abantu batandukanye bari muri dossier ndetse n'icyemezo cy'amavuko cya Ishimwe Valens. [9] Bakomeza bavuga ko Niyonsaba Emelyne yasobanuriye urukiko ko ahubwo ari we wahohotewe kuko yakoraga mu rugo rwo kwa Jean Baptiste akaba ngo yarajyaga ajyayo kuvoma amazi iwabo wa Ishimwe Valens noneho ngo nyina wa Valens akaba yari yaramusabye kujya agemurira ibiryo umwana wabo w'umunyeshuri. Ubwo rero ngo yavaga kumugemurira yajyanye ibisorori iwabo wa Ishimwe Valens, ahageze bamusaba kujyana ibyo bisorori mu nzu, Ishimwe Valens amugenda inyuma ahita amufata amusambanya ku ngufu, akaba yaramuteye n'inda. Kuvuga rero ko ngo Niyonsaba yahoraga iwabo wa Ishimwe Valens ngo sibyo kubera ko ngo yahajyaga agiye kuvoma amazi no gutwara ibiryo byo kugemurira umwana w'iwabo wa Ishimwe Valens. [10] Abunganira Niyonsaba Emeline bakomeza bavuga ko uwo bunganira nta cyaha cyo gusambanya umwana yakoze, ko ngo yavuze uko ibintu byagenze kandi ko ngo iyo Urukiko ruza kubona igihagararo cya Ishimwe Valens rwari gusobanukirwa uburyo bishoboka ko yafashe ku ngufu Niyonsaba Emelyne akamusambanya. [11] Bakomeza bavuga ko ngo ku wa 20/04/2021 Niyonsaba Emelyne yagiye gutanga ikirego mu Bugenzacyaha ajya no kwa muganga basanga yasambanyijwe, nyuma ngo Ishimwe Valens yagiye mu Bugenzacyaha kubazwa nk'uwakoze icyaha basanga afite imyaka cumi n'itandatu (16), bihindura isura

bavugako ari we wahohotewe. [12] Bakomeza bavuga ko ubuhamya bwatanzwe budahamya uregwa icyaha ngo na raporo za muganga zikaba zitagaraza ko Niyonsaba Emelyne yasambanyije umwana ahubwo ngo Niyonsaba Emelyne niwe wasambanyijwe. Bakomeza bavuga ko ubushinjacyaha bushingira gusa ku kuba Ishimwe Valens ari umwana aho gusuzuma uko yakoresheje ingufu agasambanya Niyonsaba Emelyne. [13] Abunganira Niyonsaba bakomeza bavuga ko urukiko rwavuze ko ngo rusanga mu iperereza ryakozwe, ubuhamya bwatanzwe na Uwurukundo Erneste, wavuze ko Niyonsaba

Page 4

Emelyne aza iwabo wa Ishimwe Valens yari ahari, afata ukuboko Ishimwe Valens amubwira ko abishaka ariko ntiyamenya ibyo amubwira, aramuhagurutsa baragenda bajya mu cyumba cya Ishimwe Valens, akaba yari asanzwe ababona bajya muri icyo cyumba yababaza bakamubwira ko baba bareba filim ariko ngo yikomereje akazi abasigamo, ngo bagiyemo hagati ya saa munani na saa cyenda (14H 00'–15H 00') bavamo saa kumi n'ebyiri (18 H 00'), kandi ngo Niyonsaba Emelyne yakundaga kuhaza, ababyeyi ba Ishimwe Valens badahari. [14] Bavuga rero ko Niyonsaba Emelyne nta kimenyetso cyavuye mu iperereza kigaragaza ko yaba yari asazwe asambana na Ishimwe Valens kuko ngo Niyonsaba nk'umuntu wari umukozi wo mu rugo ngo ntabwo yari kujya ahantu kuva saa munani ngo ageze sa kumi n'ebyeri kandi icyabaga cyamuzanye ari ugutirura ibisorori akaza kuhagirira ibibazo ubwo yafatwaga ku ngufu ko rero ngo icyo basaba Urukiko Rukuru ari uko ngo rwazikorera iperereza kuko ibivugwa n'abatangabuhamya bitandukanye n'ibyabaye. [15] Ku byerekeye ubuhamya bwatanzwe na Mugabe Odile, wavuze ko aturanye na Ishimwe Valens na Niyonsaba Emelyne ngo avuga ko atabonye basambana ariko ko ngo iyo Niyonsaba Emelyne yabaga aje kuvoma iwabo wa Ishimwe Valens ngo yamubonaga yikatisha mu cyumba cy'abana baryamamo, avuga kandi ko umwana we witwa Mukasine Pascasie, yamubwiye ko Niyonsaba Emelyne azagira ikirara Ishimwe Valens kuko amwikururaho, avuga ko ngo yagombaga kumugira inama ariko ngo aza kumva ko basambanye ataramugira iyo nama. [16] Bakomeza bavuga ku buhamya bwa Nyinawumuntu Marie Claire, wavuze ko Niyonsaba Emelyne yavuze ko Ishimwe Valens yamusambanyije ku ngufu kubera umubano bari bafitanye ntiyabyiyumvisha kuko umukobwa yahoraga iwabo wa Ishimwe Valens, urufunguzo rw'icyumba cy'umuhungu ugasanga ari Niyonsaba Emelyne urufite, kandi bagakunda kugendana bafatanye ku rutugu. Avuga ko ubwo umukobwa yari avuye kugemurira abana kuko ngo rero uwo mukobwa yari ahamanyereye ngo yahise asanga Ishimwe Valens mu cyumba cye. [17] Abunganira Niyonsaba bakomeza bavuga ko N'uwurukundo Erneste ubuhamya bwe Urukiko rutabuha agaciro kuko ngo atagaragaza niba yarababonye cyangwa yarumvize Niyonsaba Emelyne afata kungufu Ishimwe ahubwo we avuga ko yabonye Niyonsaba Emelyne ngo afashe ku kaboko Ishimwe nyamara gufatana ku kaboko n'ubwo bitabayeho nta gikorwa cyo gusambana kirimo ndetse ngo hari aho avuga ngo Niyonsaba Emelyne yajyaga mu cyumba kurebana film na Ishimwe nyamara ngo nk'uko babisobanuye Niyonsaba Emelyne yagiye mu nzu iwabo wa Ishimwe azanye ibisorori yari yavanyemo ingemu z'umwana wabo ari nabwo Ishimwe yamufashe ku ngufu igihe yari ibizanye bityo rero ngo ubu buhamya bukaba nta gikorwa kigize icyaha bugaragaza. [18] Kuri Mugabe Odile bavuga ko uyu mutangabuhamya yabajijwe niba yaba

yarabonye Niyonsaba Emelyne afata ku ngufu Ishimwe avuga ko ntabwo yabonye arongera avuga ko ngo umwana we yamubwiye ko Niyonsaba Emelyne ngo ashaka kugira Ishimwe ikirara ibi nabyo ngo bigaragarmo kwivuguruza mu buhamya ari nayo mpamvu Urukiko rutabuha agaciro mu gihe yivugira ko atigeze abona Niyonsaba Emelyne asambanya Ishimwe. [19] Ku byerekeye ubuhamya bwa Nyinawumuntu Marie Claire abunganira Niyonsaba bavuga ko ubuhamya bwe burimo kwivuguruza kuko ngo ibyo avuga bihura neza n'ibyo Niyonsaba Emelyne yavuze ko yagiye iwabo wa Ishimwe ubwo yari avuye kugemura nyamara

Page 5

nyuma akaza kuvuga ngo yumvise umukobwa avugira mu cyumba cya Valens ntagaragaze icyo bari gukora ndetse ugasanga avuga ngo Niyonsaba Emelyne yakundaga abahungu ariko ngo ubuhamya bwe bugaragaza kuyobya uburari aho kugaragaza ibyabaye nyuma y'uko Niyonsaba Emelyne ava kugemura aribwo ngo ahubwo bagaragaje ko aribwo yafashwe ku ngufu. [20] Abunganira Niyonsaba Emelyne bakomeza bavuga ko bagaragaje imvugo z'umutangabuhamya witwa Harerimana Jean Baptiste ubuhamya bwe bukaba ngo bugaragaza neza uburyo Niyonsaba Emelyne yafashwe kungufu ubwo yari atiruye ibisorori byabaga byagaburiweho umwana w'iwabo wa Ishimwe kandi ubuhamya bwe buhura neza n'ibyo Niyonsaba Emelyne yavuze aho nawe mu ibazwa rye ryo kuwa 20/04/2021 ubwo yabazwaga nk'uwakorewe icyaha ndetse no kuwa 29/04/2021 ubwo yabazwaga nk'uwakoze icyaha. Ariko nanone ngo uyu mutangabumya agaragaza ko Ishimwe yari asanzwe afata abakobwa ku ngufu atari ubwa mbere abikoze ndetse anagaragaza ko hari n'uwo yafashe akaza no kumwambura telephone bityo rero ngo byumvikane ko ibyo Niyonsaba Emelyne yavuze agaragaza ko yamufashe atabeshyaga. [21] Abunganira Niyonsaba Emeline barangiza bavuga ko ngo Urukiko rwisumbuye rwa Nyarugenge rutashoboye kwerekana ibikorwa Niyonsaba Emelyne yaba yarakoze bigize icyaha cyo gusambanya umwana uretse gushingira kubuhamya nabwo ngo berekanye ko nta kuri kuburimo. [22] Ubushinjacyaha buvuga ko impamvu y'ubujurire bwa Niyonsaba Emeline yo kuvuga ko ariwe wakorewe icyaha nta shingiro ifite ahubwo ngo niwe wakoze icyaha. Ubushinjacyaha buvuga ko Niyonsaba atashoboye kuvuguruza ibimenyetso urukiko rwashingiyeho rumuhamya icyaha, buvuga ko Ishimwe Valens amushinja ko ari Niyonsaba wamubwiye ngo basambane aramwigisha uko babikora kandi ko basambanye inshuro nyinshi. Ikindi ngo ni uko umutangabuhamya witwa Uwurukundo Erneste yavuze ko aturanye na Niyonsaba Emelyne na Ishimwe Valens, akaba ngo yarabonye Niyonsaba Emelyne afata Ishimwe Valens ukuboko amujyana mu cyumba cye amubwira ngo arabishaka ntamenye icyo ashaka kuvuga, noneho ngo bajya mu cyumba cya Ishimwe Valens hagati ya saa munani na saa cyenda z'amanya (14 H 00'– 15 H 00') kugeza saa kumi n'ebiri (18H 00'), agira ngo barimo kureba filime kuko n'ubundi bari basanzwe bikingirana, bakamubwira ko barimo kureba filime. [23] Undi mutangabuhamya ubushinjacyaha bushingiraho ni uwitwa Nyinawumuntu Marie Claire uvuga ko Niyonsaba Emelyne yikururaga kuri Ishimwe kuko ngo yahoraga mu rugo iwabo, ko butiraga atageze iwabo ndetse ngo n'imfunguzo z'icyumba cya Ishimwe Valens ari we wakundaga kuba azifite, kandi bagakunda kugendana bafatanye ku rutugu, ibi rero ngo bigaragaza ko ari Niyonsaba wamusambanije kuko amurusha imyaka kandi akaba ariwe wakomezaga kumushakaho ubucuti kugeza amusambanije. [24] Ubushinjacyaha

kandi bushingira ku buhamya bwatanzwe na Mugabe Odile wavuze ko aturanye na Ishimwe Valens na Niyonsaba Emelyne, uyu akaba yaravuze ko n'ubwo ngo atabonye basambana ariko ko ngo iyo Niyonsaba Emelyne yabaga aje kuvoma iwabo wa Ishimwe Valens yikatishaga mu cyumba cy'abana baryamamo. Ikindi uyu mutangabuhamya yavuze ni uko ngo umwana we witwa Mukasine Pascasie, yamubwiye ko Niyonsaba Emelyne azagira ikirara Ishimwe Valens kuko amwikururaho.

Page 6

[25] Ubushinjacyaha buvuga kandi ko Niyonsaba Emeline avuga ko Nyinawumuntu Marie Claire ubuhamya bwe burimo kwivuguruzwa ariko ngo ntaho bwivuguruzwa kuko uyu mutangabuhamya yavuze ko Niyonsaba atari akwiye kurega Ishimwe Valens kuko ahubwo ari Niyonsaba wasambanije Ishimwe kuko ngo yahoraga iwabo wa Ishimwe Valens, urufunguzo rw'icyumba cy'umuhungu ugasanga ari Niyonsaba Emelyne urufite, kandi bagakunda kugendana bafatanye ku rutugu. Avuga ko ubwo umukobwa yari avuye kugemurira abana kuko yari ahamanyereye ngo aribwo yasanze Ishimwe Valens mu cyumba cye. Ubu buhamya rero ngo nta kwivuguruzwa kurimo cyane ko ngo Niyonsaba atigeze avuza induru n'ubwo avuga ko yayivugije maze nyina wa Ishimwe ntamutabare ariko ngo ntabwo aribyo kuko atabifitiye gihamya. [26] Ubushinjacyaha burangiza buvuga ko Niyonsaba nk'umuntu mukuru kuri Ishimwe Valens ngo ntabwo yagombaga kumubwira ngo aze bakore imibonano mpuzabitsina kandi akongeraho ko atagomba kuzabivuga ko nabivuga azamurogesha, bityo rero ngo kuba hari imvugo z'abatangabuhamya zigaragaza ibyabaye ngo nta mpamvu izi mvugo z'abatangabuhamya zitafatwaho ukuri kuko barabyiboneraga kandi ngo biza kuzuzwa n'uko Niyonsaba nawe yemera ko yasambanye na Ishimwe n'ubwo avuga ko Ishimwe ariwe wamufashe ku ngufu. [27] Nk'uko bigaragara mu rubanza rwajuririwe arirwo RP 00674/2021/TGI/NYGE rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 23/7/2021 urwo Rukiko rwasobanuye icyo rwashingiyeho ruhamya icyaha Niyonsaba Emelyne mu buryo bukurikira: [28] Urukiko Rwisumbuye rwasobanuye ko rwashingiye ku buhamya bwatanzwe n'Uwurukundo Erneste, wavuze ko Niyonsaba Emelyne aza iwabo wa Ishimwe Valens yari ahari, afata ukuboko Ishimwe Valens amubwira ko abishaka ariko ngo ntiyamenya ibyo amubwira, aramuhagurutsa baragenda bajya mu cyumba cya Ishimwe Valens, akaba yari asanzwe ababona bajya muri icyo cyumba yababaza bakamubwira ko baba bareba filime, ngo yikomereje akazi abasigamo, ngo bagiyemo hagati ya saa munani na saa cyenda (14 H00 – 15H00) bavamo saa kumi n'ebyiri (18H00), kandi ngo Niyonsaba Emelyne yakundaga kuhaza ababyeyi ba Ishimwe Valens badahari. [29] Rwashingiye kandi ku buhamya bwatanzwe na Mugabe Odile, wavuze ko aturanye na Ishimwe Valens na Niyonsaba Emelyne, akomeza avuga ko atabonye basambana ariko ko iyo Niyonsaba Emelyne yabaga aje kuvoma iwabo wa Ishimwe Valens yikatishaga mu cyumba cy'abana baryamamo, avuga kandi ko umwana we witwa Mukasine Pascasie yamubwiye ko Niyonsaba Emelyne azagira ikirara Ishimwe Valens kuko amwikururaho, avuga ko azamugira inama ariko aza kumva ko basambanye atarabona umwanya wo kumugira iyo nama. [30] Rwashingiye kandi ku buhamya bwa Nyinawumuntu Marie Claire, wavuze ko

Niyonsaba Emelyne yavuze ko Ishimwe Valens yamusambanyije ku ngufu kubera umubano bari bafitanye ariko ngo ntiyabiyumvisha kuko umukobwa yahoraga iwabo wa Ishimwe Valens urufunguzo rw'icyumba cy'umuhungu ugasanga ari Niyonsaba Emelyne urufite, kandi bagakunda kugendana bafatanye ku rutugu. Avuga ko ubwo umukobwa yari avuye kugemurira abana, umukobwa kuko yari ahamanyereye ngo yahise asanga Ishimwe Valens mu cyumba cye.

Page 7

[31] Urukiko rwisumbuye kandi rwashingiye ku cyemezo cy'amavuko cya Ishimwe Valens cyerekana ko yavutse ku wa 20/03/2005 n'icya Niyonsaba Emelyne cyerekana ko yavutse ku wa 01/01/2003 maze ruvuga ko rusanga ubuhamya bwatanzwe bugaragaza ko Niyonsaba Emelyne yagiye kenshi yikurura kuri Ishimwe Valens bikagaragaza ko ari we wamusambanyije nk'umuntu mukuru kuko agejeje ku myaka cumi n'umunani (18). Kuba rero ngo Niyonsaba Emelyne avuga ko ari Ishimwe Valens wamusambanyije ku ngufu ngo bikaba nta shingiro byahabwa kuko nta bimenyetso yashoboye kubitangira, kandi ngo kuba Ishimwe Valens yari afite imyaka cumi n'itandatu (16) akaba ari umwana ku buryo adafite ubushobozi bwo kuba yakwemera cyangwa kwanga gukora imibonano mpuzabitsina, [32] Urukiko Rwisumbuye rero rwashingiye ku biteganyijwe mu ngino ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyira ibyaha n'ibihano muri rusange rwemeza ko NIYONSABA Emelyne ahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana maze rumuhana rushingiye ku bikubiye muri iyo ngingo. [33] Urukiko Rukuru rurasanga ubuhamya bwashingiweho mu guhamya icyaha Niyonsaba Emelye nk'uko bwashobanuwe haruguru bwose bugaragaza ko habayeho igikorwa cyo kuba Niyonsaba Emelyne yarakoze imibonano mpuzabitsina na Ishimwe Valens ariko abatanze ubuhamya bwo bakaba batagaragaza uburyo iyo mibonano mpuzabitsina yakozwe ku buryo byaherwaho ngo hemezwe ko iyo mibonano mpuzabitsina igomba gufatwa nk'igikorwa cyo gusambanya umwana cyakozwe na Niyonsaba Emelyne. [34] Urukiko Rukuru rurasanga kugirango habeho gukurikirana Niyonsaba Emelyne nk'uko bigaragara mu nyandiko mvugo y'imenyesha yakozwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe ubugenzacyaha ku wa 29/4/2021 byatwe n'uko ku wa 20/04/2021 Niyonsaba Emelyne wari ufite imyaka 18 y'amavuko yagiye ku bugenzacyaha avuga ko kuri uwo muni yahuye n'umusore baturanye witwa ISHIMWE Valens akamukoresha imibonano mpuzabitsina ku ngufu. Bigeze ku wa 28/04/2021 ubugenzacyaha bwagiye kubaza Ishimwe Valens wari ufite imyaka 16 y'amavuko. [35] Umugenzacyaha yasobanuye ko ubwo yari agiye kubaza Ishimwe Valens ku byo yaregwaga na Niyonsaba ngo yasanze ariwe ahubwo wahohotewe agakoreshwa imibonano mpuzabitsina ari umwana iyo ikaba ariyo mpamvu ngo ubugenzacyaha bwafashe umwanzuro wo gukurikirana Niyonsaba Emelyne wari watanze ikirego. [36] Nk'uko bimeze gusobanurwa ntabwo ubugenzacyaha bwigeze bukurikirana ngo bumenye niba ibyo Niyonsaba Emelye yavugaga ko yasambanyijwe ku ngufu atari ukuri ahubwo bwahise buhagarika kubukurikirana buvuga ko busanga ari Niyonsaba Emelye ugomba gukurikiranwaho icyaha cyo gusambanya umwana bubishingiye gusa ku kuba Niyonsaba Emelyne yari afite imyaka 18 y'amavuko naho Ishimwe Valens we akaba yari afite

imyaka 16 y'amavuko. [37] Urukiko Rukuru rurasanga n'ubwo igikorwa cyo gukora imibonano mpuzabitsina cyabayeho hashingiwe ku byavuzwe n'abatangabuhamya ndetse n'ibyemejwe na Niyonsaba Emelyne na Ishimwe Valens ibyo bidahagije kugirango Niyonsaba Emelyne ahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana hashingiwe gusa ku kuba yari afite imyaka 18 y'amavuko naho Ishimwe Valens afite imyaka 16 y'amavuko. Kubera ko rero buri gihe umuntu ufite imyaka 18 y'amavuko asambanye n'ufite imyaka 16 y'amavuko bitagomba gufatwa nk'aho ufite imyaka 18

Page 8

y'amavuko ariwe wasambanyije ufite imyaka 16 y'amavuko hagomba kugaragazwa ko hahabeho gusambana hakanagaragazwa uko byagenze kugirango bigaragare ko ufite imyaka 18 ariwe wagize ubushake bwo gusambanya umwana akabitegura kandi akabikora yishingikirije ko ari mukuru, akaba afite ibitekerezo bisumbye iby'uwo ufite imyaka 16 y'amavuko. [38] Urukiko Rukuru rurasanga ubushinjacyaha bwarakurikiranye Niyonsaba Emelyne bushingiye ku kuba afite imyaka 18 akaba yarakoranye imibonano mpuzabibitsina na Ishimwe Valens wari ufite imyaka 16 ariko ubushinjacyaha ntabwo bugaragaza uko uko gusambanya Ishimwe kwagenze ngo busobanure uburyo umukobwa ariwe wasambanyije umuhungu bari mu kigero cy'imyaka kidatandukanye cyane kuko amurusha imyaka ibiri gusa mu gihe umukobwa ariwe wagiye kurega uyu Ishimwe Valens ko yamufashe ku ngufu ariko ntibikurikiranwe ngo harebwe niba ibyo yavugaga nta shingiro bifite ahubwo hagashingirwa gusa ku kuba ariwe mukuru kuri Ishimwe kuko kuba amurusha imyaka ibiri gusa bidasobanuye ko uwo muhungu atashoboraga kumusambanya ku ngufu. [39] Nk'uko rero bimaze gusobanurwa haruguru Urukiko Rukuru rurasanga hari ugushidikanya ku kumenya niba Niyonsaba Emelyne byafatwa ko yakoze icyaha cyo gusambanya umwana ngo anabihanirwa hashingiwe ku bikubiye mu ngingo ya ya 133 y'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange uko gushidikanya kukaba guterwa n'uko hatagaragajwe uko gusambanya kwagenze ngo hagaragazwe ko uko gusambanya Ishimwe nta kundi kwagenze usibye kuba Niyonsaba yarakoresheje kuba aruta Ishimwe mu bukuru akamusambanya, mu gihe Niyonsaba Emelyne ariwe wagiye kurega avuga ko ariwe wasambanyijwe ku ngufu ariko bikagarukira aho ntibikurikiranwe ngo harebwe niba uko gufatwa ku ngufu kutarabayeho, ubushinjacyaha bukaba buvuga ko ngo nta bimenyetso Niyonsaba Emelyne yigeze abigaragariza ariko akaba atari kubona aho atangira ibyo bimenyetso mu gihe inzego zishinzwe gukurikirana icyaha zahise zireka gukurikirana ibyo yazibwiraga aho ziboneye ko uwo yaregaga ari muto kuri we. [40] Urukiko Rukuru rero rurasanga uko gushidikanya bigomba kurengera Niyonsaba Emelyne bityo hakaba hagomba kwemezwa ko atsinze hashingiwe ku bikubiye mu ngingo ya 111 y'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iyo ngingo ikaba iteganya ko Gushidikanya birengera ushinjwa igakomeza ivuga ko iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntiha gire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [41] Rwemeje kwakira ubujurire rwashyikirijwe na Niyonsaba Emelyne; [42] Rwemeje ko ubwo bujurire bufite ishingiro; [43] Rwemeje ko Niyonsaba Emelyne adahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana bityo

urubanza rwajuririwe arirwo RP 00674/2020/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge kuwa 23/07/2021 ruhindutse mu ngingo zarwo zose; [44] Rutegetse ko Niyonsaba Emelyne ahita afungurwa uru rubanza rukimara gusomwa.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/6955/7237>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/niyonsaba-emelyne-2022>

Prepared on 9 October 2026 · Esheria